



Repubulika y'u Rwanda

Minisiteri ishinzwe Ibikorwa by'Ubutabazi

GUKUMIRA INKONGI Y'UMURIRO ITURUKA KURI GAZ.

A. INTANGIRIRO

Inkongi y'umuriro ikunze kwibasira abantu hirya no hino mu gihugu mu buryo butandukanye, ikangiza imitungo itari mike, igahitana ubuzima bw'abantu ndetse igakomeretsa abandi. Inkongi z'umuriro zibasira imirima n'amashyamba zikunze kuboneka mu gihe cy'icyi/ impeshyi.

Nyamara buri wese yitwararitse agakurikiza amabwiriza ahari arebana no gukumira inkongi y'umuriro, twahashya ibi byago. Buri wese arasabwa kwitwararika kugira ngo dukumire ingaruka z'inkongi y'umuriro, tunakumira kandi ibihombo duterwa na byo:

B. INGARUKA ZITERWA N'INKONGI Y'UMURIRO

Zimwe mu ngaruka ziterwa n'inkongi y'umuriro harimo:

- ✓ Gukomeretsa no gutwara ubuzima bw'abantu,
- ✓ Gukongora inyubako n'ibizirimo,
- ✓ Kwangiza ibidukikije no kwanduza ikirere,
- ✓ Kwangiza urusobe rw'ibinyabuzima,
- ✓ Ibihombo bitandukanye mu buhinzi n'ubworozi,
- ✓ Imyuka ihumanya iteza uburwayi bwiganjemo ubwo mu myanya y'ubuhumekero,

C. UKO WAKUMIRA INKONGI Y'UMURIRO ITERWA NA GAZI

Gazi ikomeje kuba igicanwa cy'ibanze mu mirimo itandukanye haba mu ngo, resitora, amahoteri n'ahandi. Hirya no hino mu gihugu kandi hagiye humvikana impanuka ziterwa na gaz biturutse ku mpamvu zitandukanye. Dore ibyo buri wese ukoresha gazi asabwa kwitwararika :

- ✓ Mu gihe uvuye kugura gazi, irinde kugenda ucugusa icupa, kuko rishobora guturika bigateza impanuka;
- ✓ Bika icupa rya gazi ahantu hari umwuka uhagije, hategereye ikintu cyatera ubushyuhe bwinshi nk'imbabura,
- ✓ Irinde ikintu icyo ari cyo cyose cyakurangaza igihe cyose utetse ukoresheje gazi,
- ✓ Siga icupa rya gazi rifunze igihe udahari n'igihe utari kuyikoresha;
- ✓ Genzura kenshi niba umugozi ujyana gazi ku ishyiga utarangiritse, uwangiritse usimbuzwe vuba,
- ✓ Genzura kenshi ko icupa rya gaz cyangwa regulateri ku mutwe w'icupa bitangiritse,
- ✓ Kugira akuma kaburira ko gaz isohoka (gas detector),
- ✓ Kugira kizimyamoto mu rugo no kumenya kuyikoresha,
- ✓ Kugira ikiringiti cyabugenewe mu kuzinya inkongi yo mu gikoni,
- ✓ Kurinda abana gucokozza icupa n'umugozi ujyana gazi ku ishyiga,
- ✓ Fata ubwishingizi bw'imitungo hakiri kare.